Rukate, uruhine maze urubike

AGAFISHI KA BIBILIYA 17

# YONA



## IBIBAZO

**A.** Yona yoherejwe kubwiriza i _____, habaga abantu barenga _____.

**B.** Nubwo Yona yabanje guhunga inshingano yari yahawe, ni ikihe gikorwa kirangwa n'ubutwari yakoze kugira ngo arokore abandi?

**C.** Uzuza iyi nteruro yo muri Bibiliya: "Yona amara . . . "









## YONA

**ICYO TWAMUVUGAHO:** Yari umuhanuzi wa Yehova wahanuye ku ngoma y'Umwami Yerobowamu wa II (2 Abami 14:23-25). Yehova yigishije Yona kutitekerezaho, ahubwo akita ku byo abandi bakeneye (Yona 4:6-11). Ibyabaye kuri Yona bitwigisha ko Yehova yihanganira cyane abanyabyaha, akabagirira impuhwe kandi akabagirira neza.

## IBISUBIZO

**A.** Nineve, 120.000.—Yona 1:1, 2; 4:11.

**B.** Yasabye abasare kumujugunya mu nyanja kugira ngo ituze.—Yona 1:3, 9-16.

**C.** " . . . iminsi itatu n'amajoro atatu mu nda y'urwo rufi."—Yona 1:17.

www.jw.org © 2012 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania